RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 09-12 Ukuboza






P6. Hatoranyijwe abana 30 mu mukino wo koga na 73 mu mukino w'amagare bafite impano kugirango bakurikiranwe mu gihe cy'imyaka ine iri imbere hagamijwe ko bazahagararira u Rwanda mu marushanwa mpuzamahanga uhereye muri 2026

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Handball:** FERWAHAND yatangiye imyiteguro yo kwakira igikombe cy'Afurika muri 2026

P2 **Cricket:** Tanzania na Nigeria zakomeje mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi

P2 **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 13 wa shampiyona yagenze

P3 **Cycling:** Abakinnyi b'u Rwanda batangiye umwiherero bitegura amarushanwa abiri mpuzamahanga

P3 **Rugby :** Uko imikino y'umunsi wa gatatu wa shampiyona yagenze

P4 **Cycling :** Uhiriwe na Umwamikazi begukanye "Human Rights Race 2022"

P5 **NPC:** Hakinwe imikino y'umunsi wa mbere muri "Amputee Football" na "Wheelchair Basketball"

P6 **Swimming:** Hatoranyijwe abana 30 bafite impano bazategurwa bakazaserukira u Rwanda

P6 **Cycling:** Abana 73 ni bo batoranyijwe mu gikorwa cyo gushaka abafite impano

P7 **Basketball:** Komite Nyobozi nshya ya ARAB yatangiye imirimo

P7 **Swimming:** Girimbabazi yitabiriye inama y'Inteko rusange idasanzwe ya FINA muri Australia

1

# **Handball:** FERWAHAND yatangiye imyiteguro yo kwakira igikombe cy'Afurika muri 2026

Mu Gushyingo 2022, Impuzamashyirahamwe y'umukino wa Handball muri Afurika "CAHB" yemereye u Rwanda gutegura no kwakira imikino y'igikombe cy'Afurika mu bagabo mu makipe makuru "Men's Senior Africa Cup of Nations 2026".

Igihugu cy'u Rwanda cyahawe kwakira iri rushanwa ku nshuro ya mbere nyuma yo gutegura no kwakira neza amarushanwa abiri y'Afurika mu bakiri bato mu bahungu harimo irushanwa ry'Afurika mu batarengeje imyaka 20 ndetse n'abatarengeje imyaka 18 yabaye kuva taliki 20 Kanama kugeza 06 Nzeri 2022.

Nyuma yo guhabwa kwakira iri rushanwa rikomeye, kuva taliki 05 Ukuboza 2022, impuguke muri uyu mukino wa Handball, Paul Landuré yagiriye uruzinduko rw'iminsi 5 mu Rwanda mu rwego rwo gufasha ishyirahamwe ry'umukino wa Handball mu Rwanda "FERWAHAND" gutegura gahunda y'iterambere ry'umukino muri rusange ndetse n'inzira y'imyiteguro yo kwakira imikino y'Afurika iteganyijwe muri Mutarama 2026.

Iyi gahunda ikaba yarateguwe na FERWAHAND ku bufatanye na CAHB na Minisiteri ya Siporo "MINISPORTS".

Paul Landuré akomoka mu Bufaransa akaba ari umuyobozi mu ishyirahamwe ry'umukino wa Handball ku Isi "IHF" akaba ari umwe mu bagize Komisiyo ishinzwe amahugurwa n'imyitozo muri IHF.

Umuyobozi wa Tekinike muri FERWAHAND, Bagirishya Anaclet yavuze ko iyi mpuguke yaje kubafasha gutegura gahunda y'iterambere ry'umukino wa Handball kugeza mu mwaka wa 2026 ndetse n' inzira y'ikipe y'igihugu kugeza muri 2026 aho u Rwanda ruzakira imikino y'Afurika 2026. Ati: "Yaje kudufasha gutegura urwo rugendo n'ibindi bikorwa bigomba kujyanya na rwo."

Bagirishya yakomeje avuga ko Paul Landuré gahunda nk'izi azimenyereye kuko yari amaze iminsi abikora muri Benin. Ati : "Muri rusange rero iyi gahunda izadufasha gushyiraho uburyo bugezweho bwo gushaka impano, guhugura abatoza n'abandi mu byiciro bitandukanye."

Mu rwego rwo gutegura abakinnyi, Bagirishya avuga ko bagiye gushyira imbaraga mu marushanwa y'amashuri: "Twakiriye imikino y'Afurika muri U-18 na U-20 ndetse ikipe y'abatarengeje imyaka 18 ibona itike y'igikombe cy'Isi, turifuza ko bikomeza gutya."

Iyi mpuguke ya IHF, Paul Landuré yasuye ibikorwa bitandukanye bijyanye n'iterambere ry'umukino wa Handball mu Rwanda ndetse anakurikirana imikino ibiri yahuje abatoranyijwe mu ikipe y'igihugu nkuru n'ikipe y'igihugu y'ingimbi.





Muri iyi mikino yombi yabereye Kimisagara ku wa Kane taliki 08 Ukuboza 2022, ikipe y'igihugu nkuru yatsinze iy'ingimbi ibitego 27 kuri 22 mu mukino wa mbere naho undi mukino, ikipe y'ingimbi itsinda ikipe nkuru ibitego 18 kuri 17.

Umuyobozi wa Tekinike, Bagirishya avuga ko iyi mikino yari mu rwego rwo kureba uko abakinnyi bahagaze kuko muri gahunda bafite bagomba gutoranya abakinnyi muri biriya byiciro byombi bakajya bakora imyitozo aho izabera mu gihugu imbere no hanze y'igihugu.

Bagirishya agaruka ku kijyanye n'ibikorwa remezo yavuze ko hari BK Arena ahagomba kubera amarushanwa ariko hakenewe ibibuga by'imyitozo byujuje ibisabwa ku rwego mpuzamahanga kugira ngo abakinnyi babashe kwitegura bihagije.

Impuguke ya IHF, Paul Landuré yatangaje ko barebeye hamwe ibikenewe mu rwego rwo kwitegura imikino y'Afurika u Rwanda rwahawe kwakira muri 2026 ndetse n'uburyo ikipe y'u Rwanda yategurwa mu myaka 3 iri imbere.

Ku bijyanye n'ibikorwa remezo yagaragaje ko hakenewe ibindi bibuga byunganira BK Arena kugira ngo ikipe y'igihugu y'abatarengeje imyaka 18 izabashe guhagararira u Rwanda mu gikombe cy'Isi muri Croatia mu mwaka wa 2023 ndetse n'ikipe y'igihugu iteganya kwitabira imikino y'Afurika izabera mu Misiri muri 2024.



Impuguke ya IHF, Paul Landuré (hagati) ari kumwe na Perezida wa FERWAHAND, Twahirwa Alfred (ibumuso) n'umuyobozi wa Tekinike, Bagirishya Anaclet (iburyo)

## **Cricket:** Tanzania na Nigeria zakomeje mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike y'igikombe cy'Isi

Kuva taliki 01 kugeza 09 Ukuboza 2022 mu Rwanda habereye imikino y'irushanwa ryo gushaka itike y'igikombe cy'Isi 2024 mu mukino wa Cricket mu bagabo "ICC Men's T20 World Cup 2024" ku rwego rw'Afurika mu itsinda B "ICC Men's T20 World Cup Africa Sub-Regional Qualifier Group B".

Iyi mikino yo mu itsinda B yahuje ikipe ya Cameroun, Eswatini, Gambia, Ghana, Mozambique, Nigeria, Sierra Leone na Tanzania. Nyuma y'uko aya makipe yakinnye hagati yayo, ikipe ya Tanzania na Nigeria ni zo zabonye itike yo gukomeza mu cyiciro cya nyuma cyo gushaka itike "Africa Regional Final Qualifier".

Ku munsi wa nyuma w'iyi mikino yabereye muri Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga no muri IPRC Kigali, taliki 09 Ukuboza 2022, ikipe ya Tanzania yitwaye neza itsinda Cameroun naho ikipe ya Nigeria itsinda Ghana.

Mu yindi mikino, ikipe ya Gambia yatsinze Cameroun naho Mozambique itsinda Sierra Leone.

Nyuma y'iyi mikino, ikipe ya Tanzania ni yo yegukanye umwanya wa mbere n'amanota 13 ikurikirwa na Nigeria n'amanota 13, ku mwanya wa 3 haje Mozambique (10), Sierra Leone (8), Ghana (6), Eswatini (3), Gambia (2) na Cameroun ku mwanya wa nyuma wa 8 n'inota rimwe.

Ikipe ya Tanzania na Nigeria (Itsinda B) zikaba zasanze ikipe ya Kenya n'u Rwanda (Itsinda A) ziyongera kuri Uganda, Zimbabwe na Namibia zo zitakinnye imikino yo mu matsinda zikaba zizakina imikino ya nyuma yo gushaka itike "Africa Regional Finals" izabera muri Namibia mu Kwakira 2023. Amakipe abiri ya mbere akaba ari yo azabona itike y'igikombe cy'Isi "ICC Men's T20 World Cup 2024" kizabera muri West Indies na USA muri Kamena 2024.





## **Football:** Uko imikino y'umunsi wa 13 wa shampiyona yagenze

Taliki 10 kugeza 12 Ukuboza 2022 habaye imikino y'umunsi wa 13 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo.

Mu mikino yabaye, ikipe ya Kiyovu yatsinze Police FC igitego 1-0, AS Kigali itsinda Espoir FC ibitego 4-0, APR FC itsinda Rutsiro FC ibitego 2-0. Ikipe ya Rayon Sports yatsinzwe na Etincelles FC ibitego 3-2 gusa ikomeza kuyobora urutonde rwa shampiyona by'agateganyo.

Imikino y'umunsi wa 14 biteganyijwe ko izaba taliki 16 na 17 Ukuboza 2022.

**Uko imikino yagenze**
**Taliki 10-12-2022**
- Marines FC **0-0** Gorilla FC
- Kiyovu **1-0** Police FC

**Taliki 11-12-2022**
- Sunrise FC **5-2** Rwamagana City
- Musanze FC **0-1** Gasogi United
- Mukura **0-1** Bugesera FC
- Etincelles FC **3-2** Rayon Sports
- AS Kigali **4-0** Espoir FC

**Taliki 12-12-2022**
- Rutsiro FC **0-2** APR FC

**Urutonde rwa shampiyona 2022-2023**

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Rayon Sports | 13 | 28 |
| 2 | AS Kigali | 13 | 27 |
| 3 | APR FC | 13 | 24 |
| 4 | Kiyovu | 13 | 24 |
| 5 | Gasogi United | 13 | 22 |
| 6 | Musanze FC | 13 | 20 |
| 7 | Police FC | 13 | 20 |
| 8 | Etincelles FC | 13 | 19 |
| 9 | Sunrise FC | 13 | 18 |
| 10 | Gorilla FC | 13 | 18 |
| 11 | Mukura | 13 | 17 |
| 12 | Bugesera FC | 13 | 17 |
| 13 | Rutsiro FC | 13 | 10 |
| 14 | Rwamagana City | 13 | 10 |
| 15 | Espoir FC | 13 | 07 |
| 16 | Marines FC | 13 | 06 |



## **Rugby :** Uko imikino y'umunsi wa gatatu wa shampiyona yagenze

Taliki 10 Ukuboza 2022, shampiyona y'igihugu mu mukino wa Rugby mu cyiciro cy'abakina ari 15 "15 Aside" mu bagabo yarakomeje hakinwa imikino y'umunsi wa gatatu.

Imikino yabaye, ikipe ya Muhanga Thunders RFC yatsinze Resilience RFC amanota 27 ku 10, umukino wabereye mu Misizi i Muhanga. Ikipe ya 1000 Hills RFC yatsinze Kigali Sharks RFC amanota 12 ku 09, umukino wabereye ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru naho ikipe ya Lions de Fer RFC itsinda Kamonyi Puma RFC amanota 104 kuri 15, umukino wabereye ku Kamonyi.

Biteganyijwe ko imikino y'umunsi wa 4 izakinwa taliki 17 Ukuboza 2022 aho ikipe Lion de Fer RFC izakira Resilience RFC (13h00), 1000 Hills RFC ikine na Kamonyi Puma RFC (15h30). Iyi mikino yombi izabera ku kibuga cya Croix Rouge Kacyiru. Undi mukino uzahuza ikipe ya Muhanga Thunders RFC na Kigali Sharks RFC mu Misizi (15h00).

**Uko imikino y'umunsi wa gatatu yagenze**

- Muhanga Thunders RFC **27-10** Resilience RFC
- Kigali Sharks RFC **09 - 12** 1000 Hills RFC

Kamonyi Puma RFC **15-104** Lion de Fer RFC

**RWANDA RUGBY LEAGUE D1 STANDING**

RRF

| NO | TEAM | MP | W | D | L | PD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | LIONS DE FER | 3 | 3 | 0 | 0 | 136 | 14 |
| 2 | 1000 HILLS | 3 | 2 | 0 | 1 | 26 | 9 |
| 3 | MUHANGA TRFC | 3 | 2 | 0 | 1 | 3 | 9 |
| 4 | KIGALI SHARKS | 3 | 1 | 22 | 1 | 66 | 6 |
| 5 | RESILIENCE | 3 | 1 | 0 | 2 | -45 | 5 |
| 6 | PUMA KAMONYI | 3 | 0 | 0 | 3 | -178 | 0 |



Lions de Fer RFC iyoboye urutonde muri rusange

## **Cycling:** Abakinnyi b'u Rwanda batangiye umwiherero bitegura amarushanwa abiri mpuzamahanga

Kuva taliki 09 Ukuboza 2022, abakinnyi 16 b'ikipe y'igihugu mu mukino w'amagare mu Rwanda bari mu kigo cy'imyitozo i Musanze "Africa Rising Cycling Center (ARCC)" aho batangiye imyitozo bitegura amarushanwa abiri mpuzamahanga.

Ikipe y'u Rwanda izitabira isiganwa mpuzamahanga ribera muri Gabon "La Tropicale Amissa Bongo 2023" kuva taliki 23 kugeza 29 Mutarama 2023 ndetse Tour du Rwanda 2023" izaba taliki 19 kugeza 26 Gashyantare 2023.

**Abakinnyi bari mu mwiherero**

Mugisha Moise (Protouch), Manizabayo Eric (Benediction Ignite), Byukusenge Patrick (Benediction Ignite), Uhiriwe Byiza Renus, Kajyibwami Suayibu, Ngendahayo Jeremie (CCA) , Masengesho (Benediction Club), Nkundabera Eric (Les Amis Sportifs), Habimana Jean Eric, Iradukunda Emmanuel (Nyabihu CT), Uwiduhaye (Benediction Club), Muhoza Eric , Areruya Joseph , Niringiyimana Ramadhan, Niyonkuru Samuel na Tuyizere Etienne (Benediction Club).

Biteganyijwe ko ikipe y'igihugu izasoza imyitozo taliki 23 Ukuboza 2022 nyuma muri aba bakinnyi hakazatoranywa abazaserukira u Rwanda muri "La Tropicale Amissa Bongo 2023"






# **Cycling :** Uhiriwe na Umwamikazi begukanye "Human Rights Race 2022"

Taliki 10 Ukuboza 2022 mu Karere ka Gisagara habereye isiganwa ry'umukino w'amagare mu bakiri bato "Human Rights Race 2022" ryateguwe n'ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu "NCHR" mu rwego rwo kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe uburenganzira bwa muntu ku nshuro ya 74 ahatanzwe ubutumwa bugira buti "Buri muntu wese afite uburenganzira ku kiruhuko no ku myidagaduro".

Iri siganwa ryitabiriwe n'abakinnyi b'ingimbi n'abangavu bari baturutse mu makipe yose abarizwa muri FERWACY. Abasiganwe batangiriye i Gisagara berekeza mu Karere ka Huye mu Mujyi barakata basoreza i Gisagara ku ntera ya kilometero 77,4.

Mu cyiciro cy'ingimbi "Men Juniors", Uhiriwe Espoir ukinira ikipe ya Nyabihu CT ni we wegukanye iri siganwa aho yakoresheje amasaha 2, iminota 15 n'amasegonda 30 (02h15'30") akaba yarahagereye rimwe na bagenzi be 4 ariko abatanga mu murongo aho bose bakoresheje ibihe bingana. Ku mwanya wa kabiri haje Nshimiyimana Phocas (Nyabihu CT) naho ku mwanya wa 3 haza Niyonkuru Emmanuel (Kayonza YSCT).





Mu bangavu "Women Juniors", Umwamikazi Djazilla ukinira ikipe ya Les Amis Sportifs Rwamagana ni we wegukaye isiganwa aho yakoresheje amasaha 2, iminota 36 n'amasegonda 34 (02h36'34"). Ku mwanya wa kabiri haje Iragena Charlotte (02h36'55") naho ku mwanya wa gatatu haza Uwera Aline (02h39'23") bombi bakinira ikipe ya Bugesera CT.

Nyuma y'iri siganwa, taliki 16 Ukuboza 2022 habaye isiganwa mu Karere ka Musanze "Musanze Gorilla Race 2022" ryabaye ku nshuro ya mbere nyuma y'uko aka Karere na FERWACY basinye amasezerano y'ubufatanye mu gutegura amarushanwa mu gihe cy'imyaka 3.

**Uko abakinnyi bitwaye**

**Ingimbi (77.4 km)**
**1.** Uhiriwe Espoir 02h15'30"
**2.** Nshimiyimana Phocas 02h15'30"
**3.** Niyonkuru Emmanuel 02h15'30"

**Abangavu (77.4 km)**
**1.** Umwamikazi Djazilla 02h36'34"
**2.** Iragena Charlotte 02h36'55"
**3.** Uwera Aline 02h39'23"





# NPC: Hakinwe imikino y'umunsi wa mbere muri "Amputee Football" na "Wheelchair Basketball"

Taliki 10 na 11 Ukuboza 2022 habaye imikino y'umunsi wa mbere ya shampiyona mu mupira w'amaguru mu cyiciro cy'abafite ubumuga mu bagabo "Amputee Football Championship 2022-2023" ndetse na Basketball "Wheelchair Basketball Championship 2022-2023".

Imikino y'umupira w'amaguru yabereye mu Karere ka Huye, taliki 10 na 11 Ukuboza 2022 naho muri Wheelchair Basketball imikino ibera mu mujyi wa Kigali taliki 11 Ukuboza 2022.

Imikino y'umunsi wa kabiri muri Wheelchair Basketball izaba taliki 23 Mutarama 2023 mu Karere ka Gicumbi naho imikino y'umunsi wa kabiri mu mupira w'amaguru izabera i Musanze taliki 18 na 19 Gashyantare 2023.

**Uko imikino yagenze**

**Amputee Football**

- Huye **1-0** Nyanza
- Nyamasheke **0-5** Karongi
- Nyarugenge **0-1** Rubavu
- Musanze **0-0** Huye
- Nyanza **1-0** Nyamasheke
- Karongi **3-1** Nyarugenge
- Rubavu **1-0** Musanze
- Huye **0-0** Karongi
- Nyarugenge **1-0** Nyanza
- Nyamasheke **1-2** Musanze
- Rubavu **1-2** Karongi





**Wheelchair Basketball**

**Mu bagabo**

- Indangamirwa **20-04** Gicumbi
- Musanze **11-28** Gasabo
- Bugesera **11-28** Kicukiro
- Gasabo **30-22** Indangamirwa
- Bugesera **14-13** Gicumbi
- Kicukiro **24-12** Musanze

**Mu bagore**

- Gasabo **06-05** Kicukiro







## **Swimming:** Hatoranyijwe abana 30 bafite impano bazategurwa bakazaserukira u Rwanda

Ishyirahamwe ry'Umukino wo Koga mu Rwanda "RSF" ku bufatanye na Komite Olempike y'u Rwanda ku nkunga ya "Olympic Solidarity" binyuze muri gahunda yo gutegura abakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme 2021-2024" habaye igikorwa cyo gutoranya abana bafite impano kurusha abandi mu mukino wo Koga "Swimming".

Aba bana bafite hagati y'imyaka 12 na 14 bakaba bagomba gukomeza gukurikiranwa kugira ngo bazaserukire u Rwanda mu mikino y'Afurika y'urubyiruko izabera muri Lesotho muri 2026 ndetse n'imikino Olempike y'urubyiruko izabera muri Senegal muri 2026.

Igikorwa cyo gutoranya abana bafite impano cyabereye muri Green Hills Academy i Nyarutarama taliki 10 Ukuboza 2022 ahari hitabiriye abana 96 baturutse mu makipe 8 ari yo Mako Sharks (Gasabo), Rwamagana SC, Les Daulphins SC (Gasabo), CS Karongi, VJN SC (Rubavu), CSK (Nyarugenge), Aqua Wave SC (Gasabo) na Rwesero SC (Gicumbi).

Aba bana nyuma yo kurushanwa mu byiciro bitandukanye, hatoranyijwe 28.

Umunyamabanga Mukuru wa RSF, Bazatsinda James yatangaje ko bishimiye iki gikorwa kuko byerekanye ko hari impano mu gihugu hose mu mukino wo Koga icyari cyarabuze ari aho kwigaragariza. Akomeza avuga ko nyuma gutoranya aba bana bagiye kubakurikirana bazamure urwego rwabo kugira ngo bazageze igihe cyo guserukira u Rwanda bahagaze neza bityo bazitware neza baheshe ishema igihugu.

Kajugiro Fidele Sebalinda ushinzwe iterambere rya Siporo muri Komite Olempike y'u Rwanda, yatangaje ko igikorwa cyagenze neza. Yakomeje avuga ko iki cyari icyiciro cya kabiri cy'amajonjora aho icya mbere cyabereye i Karongi ahatoranyijwe abana boga mu kiyaga. Akomeza avuga ko bazakomeza gufatanya na RSF mu gukurikirana aba bana kandi bizera ko bizagera muri 2026 hari abakinnyi bashobora guhatana ku rwego mpuzamahanga.

Icyiciro cya mbere cyo gushaka abana bafite impano mu gusiganwa mu Biyaga "Open Water" cyabereye i Karongi taliki 22 Ukwakira 2022 ahatoranyijwe abana 2.



## **Cycling:** Abana 73 ni bo batoranyijwe mu gikorwa cyo gushaka abafite impano

Ishyirahamwe ry'umukino w'amagare mu Rwanda "FERWACY" ku bufatanye na Komite Olempike y'u Rwanda ku nkunga ya "Olympic Solidarity" binyuze muri gahunda yo gutegura abakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme 2021-2024" hatoranyijwe abana 73 mu bice bitandukanye by'igihugu bakaba bazakurikiranwa bategurwe kugira ngo bazaserukire u Rwanda mu mikino y'Afurika y'urubyiruko izabera muri Lesotho muri 2026 ndetse n'imikino Olempike y'urubyiruko izabera muri Senegal muri 2026.

Igikorwa cyo gutoranya aba bana bafite hagati y'imyaka 12 na 14 cyasojwe taliki 11 Ukuboza 2022 mu Karere ka Huye ahatoranyijwe abana 20 na Musanze ahatoranyijwe 23.

Aba bana baje biyongera ku bandi 30 batoranyijwe taliki 04 Ukuboza 2022 ubwo iki gikorwa cyaberaga i Ntarama mu Karere ka Bugesera mu kigo cya Gasore Serge Foundation.







## **Swimming:** Girimbabazi yitabiriye inama y'Inteko rusange idasanzwe ya FINA muri Australia

Taliki 12 Ukuboza 2022, mu mujyi wa Melbourne mu gihugu cya Australia habereye inama y'Inteko rusange idasanzwe y'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga ku Isi "FINA" aho yitabiriwe na Perezida w'ishyirahamwe ry'umukino wo Koga mu Rwanda "RSF", Girimbabazi Rugabira Pamela.

Iyi nama yakozwe igamije kurebera hamwe ibyagezweho, kwemeza amategeko mashya ya FINA, ishyirwaho n'iyemezwa rya Komisiyo nshya, guhindura ibirango hakajyaho ibishya ndetse n'intero "Slogan" nshya byose bijyanye n'amavugurura agamije gufasha FINA kujyana n'igihe.

Muri iyi nama higiwemo kandi ibijyanye no kureba aho ishyirwa mu bikorwa ry'ihame ry'uburinganire muri uyu mukino rigeze no kwagura Komite Nyobozi ariko hashingiwe ku buringanire. Abagore 9 bongewe muri Komite nyobozi, aho uyu mubare wahise utuma bagera kuri 38%. Iyi ikaba ari intambwe ikomeye yo kuzagera kuri 50% nk'uko byatangajwe na Perezida wa FINA, Dr. Husain Al-Musallam.

Indi myanzuro yafatiwe muri iyi nama harimo ko ishyirahamwe ry'umukino wo Koga ku Isi "FINA" ritazongera kwitwa FINA, ahubwo guhera muri 2023 rizitwa "World Aquatics". Ibi bikaba ari ko bizagenda ku mpuzamashyirahamwe y'uyu mukino ku migabane yose harimo n'Afurika "Africa Aquatics".

Nyuma y'iyi nama hakurikiyeho shampiyona y'Isi mu mukino wo Koga "FINA World Swimming Championships 2022" kuva taliki 13 kugeza 18 Ukuboza 2022. Iyi mikino yanitabiriwe n'umukinnyi w'Umunyarwanda, Niyibizi Cédrick.




## **Basketball:** Komite Nyobozi nshya ya ARAB yatangiye imirimo

Taliki 11 Ukuboza 2022 ku biro by'ishyirahamwe ry'abasifuzi b'umukino wa Basketball mu Rwanda (ARAB) biri i Remera habereye ihererekanyabubasha hagati ya Komite Nyobozi nshya ihagarariwe na Zigama Desire n'icyuye igihe yari ihagarariwe na Ahimana Straton.

Iyi Komite nyobozi nshya ya ARAB yatowe taliki 28 Ugushyingo 2022 izayobora mu gihe cy'imyaka 3 iri imbere kugeza mu 2025 ikaba isimbuye iyari icyuye igihe yari iyobowe na Ahimana Straton yagiyeho muri 2019.

**Abagize Komite Nshya ya ARAB**

- **Perezida:** Zigama Desire
- **Visi Perezida:** Muhirwa Carlos
- **Visi Perezida wa kabiri:** Kubwimana Sosthene
- **Umunyamabanga :** Muhire Guevara
- **Umubitsi:** Barigira Ahmed Djibril
- **Umujyanama mu bya Tekinike:** Nduwayezu Bruno
- **Umujyanama mu by'amategeko:** Ndererimana Lea





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave